



ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

ITANGAZO RY'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI KU MATORA Y'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO/UMUTWE W'ABADEPITE YO KU WA 2-4 NZERI 2018

Mu rwego rwo gukurikirana amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite, yabaye kuva tariki ya 2 kugeza tariki ya 4 Nzeri 2018, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje Indorerezi mirongo icyenda n'icyenda (99) zituruka mu Mitwe ya politiki irigize, mu Turere twose tw'Igihugu gukurikirana uko ibikorwa by'amatora byagenze.

Ubutumwa bwahawe indorerezi z'Ihuriro bwari ubu bukurikira:

- Kureba uko ibikorwa by'imyiteguro y'ahabera amatora bikorwa;
- Kureba ko ibikoresho by'amatora byageze ahabera amatora ku gihe;
- Kureba uko amatora yitabiriwe;
- Kureba uburyo amatora nyirizina akorwa;
- Kureba ko uburenganzira bw'abaje gutora bwubahirizwa;
- Kureba muri rusange uko umutekano n'ituzwe byaranze amatora;
- Kureba uburyo ibyavuye mu matora byakiriwe n'abaturage.

1. IMYITEGURO Y'AMATORA

- Ku byerekeye ahatorerwa, indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo ahabereye amatora hari isuku kandi hateguye neza;
- Ku byerekeye ibikoresho by'amatora, indorerezi z'Ihuriro zabonye ko ibikoresho byahagereye igihe kandi byari mu mwanya wabyo mbere y'itora nyirizina.
- Indorerezi kandi zabonye ko ibyumba by'itora n'ubwihugiko byari biteguye neza ndetse n'imiterere yabyo yerekanaga ko utora atora mu ibanga no mu bwisanzure.

2. AMATORA NYIRIZINA

Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye itora ry'abadepite batorwa mu buryo butaziguye n'itora ry'abadepite batorwa mu buryo buziguye.

Muri aya matora, indorerezi z'ihuriro zabonye ko abaturage batoye mu mucyo no mu bwisanzure hubahirizwa amategeko agenga amatora n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

3. IBARURA RY'AMAJWI

Ibarura ry'amajwi ryabaye ku mugaragararo, rikurikiranwa n'abahagarariye abakandida n'ababishaka bose harimo n'indorerezi.

4. UMWANZURO

Indorerezi z'ihuriro zemeza ko amatora y'abagize Inteko Ishinga amategeko/Umutwe w'Abadepite yakozwe neza haba mu myiteguro, haba no mu gihe cy'itora nyirizina.

Indorerezi z'ihuriro zasanze abaturage barasobanuriwe bihagije ibijyanye n'amatora kandi baranashishikarijwe kuyitabira ku buryo abaturage barangije igikorwa cyo gutora mbere y'igihe cyagenwe.

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki ryashimye ubwitabire bw'abaturage muri aya matora, rikaba riboneyeho n'umwanya wo gushima Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'inzego zinyuranye zagize uruhare muri aya matora, agakorwa mu bwisanzure, ituze n'umutekano.

Bikorewe i Kigali kuwa 5/09/2018.

BURASANZWE Oswald
Umuvugizi w'indorerezi z'ihuriro

